Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabyukaga mu ijoro, yabanzaga koza mu kanwa kayo yifashishije umuswaki

Hadith yaturutse kwa Hudhayfat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabyukaga mu ijoro, yabanzaga koza mu kanwa kayo yifashishije umuswaki.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni kenshi yozaga amenyo ikanategeka kubigenza gutyo, kandi birushaho kuba itegeko mu bihe bimwe, nk'igihe ibyutse mu ijoro igiye gukora igihagararo cy'ijoro, aho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga yoza amenyo ikoresheje umuswaki.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3063